# 97: Ifeza n'izahabu nta bwo zibasha Gukiz' umutim' ubabajwe n'ibyaha

1.

Ifeza n'izahabu nta bwo zibasha Gukiz' umutim' ubabajwe n'ibyaha, Nyamar' amaraso ya Yesu Mukiza Yashoboye kunkura mu byaha byose.

Ref:

Narakijijwe. si kubw' imari, Kubw' ubuntu narakijijwe. Yanyishyu riye ya myenda yose Yamviriy' amaraso ye.

2.

Ifeza n'izahabu nta bwo zibasha Kundihirir' imyenda yanjye y'ibyaha, Nyamar' amaraso ya Yesu Mukiza Yanyogej' ibyaha mbon' agakiza ke.

3.

Ifeza n'izahabu nta bwo zibasha Gukingur' urugi rugeza ku Mana, Nyamar' amaraso ni yo yanshoboje Kugera ku buntu bw'Iman' ihoraho.

4.

Ifeza n'izahabu nta bwo zibasha Kungeza ku Mananibankor' ibyaha, Nyamar' amaraso ni yo nacungujwe, Ni yo kimenyetso kigeza mw ijuru.

Visit us at indirimbo.com